Republic of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA




# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KWA GASHYANTARE 2026

**10 WERURWE 2026**

*NISR © 2025 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

# IBIKUBIYE MURI RAPORO

1. IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2026 ..................... 4

1.1. Ibiciro mu mijyi........................................................................................................ 4

1.2. Ibiciro mu byaro....................................................................................................... 4

1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro) .................................................... 4

## 1. IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### 1.1. Ibiciro mu mijyi

Muri Gashyantare 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% ugereranyije na Gashyantare 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 8,9% muri Mutarama 2026.

Muri Gashyantare 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 18,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 12,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,9%.

Ugereranyije Gashyantare 2026 na Mutarama 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 2,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 2,7%.

Ugereranyije Gashyantare 2026 na Gashyantare 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 9,6%.

### 1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Gashyantare 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 7% ugereranyije na Gashyantare 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2026 byari byiyongereyeho 6,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gashyantare 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,4%.

Ugereranyije Gashyantare 2026 na Mutarama 2026, ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,8% n' ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,6%.

### 1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Gashyantare 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,9% ugereranyije na Gashyantare 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 7,5% muri Mutarama 2026.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gashyantare 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,3%, n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,8%.

Ugereranyije Gashyantare 2026 na Mutarama 2026, ibiciro byazamutseho 1,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,4% ndetse n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,2%.

## Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2025 kugeza muri Gashyantare 2026.

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2025** | | | | | | | | | | | **2026** | |
| | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 |
| Mu byaro | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 |
| Mu Rwanda | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 |
| Mu byaro | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 |
| Mu Rwanda | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw